DIOCESE DE NYUNDO
CARITAS NYUNDO/GISENYI
B.P. 85 GISENYI Tél.&Fax : +250 0788851184 E-mail : caritasnyundo2@yahoo.fr

==========

Imyanzuro y'inama y'Inteko Rusange ya Caritas Nyundo/Gisenyi yo kuwa 25 Werurwe 2019

Centre Pastoral S^{t} Jean Paul II Nyundo

Photo TWAHIRWA Jean , CDJP Nyundo

DIOCESE DE NYUNDO
CARITAS NYUNDO/GISENYI
B.P. 85 GISENYI Tél.&Fax : +250 0788851184 E-mail : caritasnyundo2@yahoo.fr

Inama y'Inteko Rusange ya Caritas Nyundo/Gisenyi ya 2019 yari iyobowe na Nyiricyubahiro Mgr Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo

Inteko Rusange ya Caritas Nyundo/Gisenyi mu nama yayo yo kuwa 25/3/2019

Ku murongo w'ibyigwa hari izi ngingo:

1) Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama y'Inteko Rusangeya Caritas Nyundo/Gisenyi yo ku wa 30/04/2018 **,**
2) Ibyakozwe na caritas Nyundo/Gisenyi mu mwaka wa 2018 n'ibitenganywa mu wa 2019,
3) Kugezwaho aho itegurwa ry'Igenamigambi ry'Imyaka 5 rya Caritas Nyundo rigeze,
4) Imyanzuro y'Inama ya « Commission pour la Pastorale Sociale » yo kuwa 27/02/2019,
5) Imyanzuro y'inteko Rusange ya Caritas Rwanda yo ku wa 3-5/03/2019,
6) Gufata imyanzuro no guhabwa ubutumwa n'Umwepiskopi.

Inteko ikaba yafashe imyanzuro ikurikira:

A. Caritas mu nzego zose :

1. Gukomeza kubaka Caritas nyarwanda y'umwimerere ishingiye ku bakristu ubwabo uhereye mu muryango-remezo nk'uko tubisanga muri Mt 25,31-46,
2. Kugira ibikorwa bigamije kongerera Caritas yacu umutungo mu rwego rwo kwibeshaho,
3. Gukorana n'Itangazamakuru rya Kiliziya (Radio Maria Rwanda, Kinyamateka, web-site ya Diyosezi n'iya Caritas Rwanda,…) mu gutanga amakuru ku bikorwa bya Kiliziya Gatolika bijyanye no gufasha abatishoboye,
4. Gushyira imbaraga mu gutegura no guhimbaza umunsi ngarukamwaka wa Caritas muri Paruwasi zose, uwo munsi ukagira igihe gihagije cyo kuwutegura
5. Gukomeza ibikorwa bigamije kuzamura imibereho myiza y'abaturage (Human Securuty): akarima k'igikoni, isuku n'isukura, kubona amacumbi, kubaka imisarani,

guhangana n'ingaruka z'isuku nke, kutararana n'amatungo, kurwanya imirire mibi,….

6. Kongera ubukangurambaga bugamije kuzamura umubare w'abitabira servisi z'ubusugire bw'ingo ku bufatanye bwa Caritas, Komisiyo y'Umuryango, Amavuliro n'Amaparuwasi,
7. Gutegura neza icyumweru cy'ubukangurambaga ku busugire bw'ingo (PFN) ku bufatanye bwa Caritas ya Diyosezi na Komisiyo y'Umuryango.
8. Gushyira imbaraga mu guhuza ibikorwa byose by'ubufasha bw'abatishoboye bikorwa n'imiryango yose y'Abihayimana muri Diyosezi hakanozwa umurongo w'imikoranire (Planification et rapportage),
9. Kunoza urutonde rw'abagenerwabikorwa n'abakorerabushake ba Caritas ya Paruwasi buri mwaka no kurusangiza Caritas Rwanda.

B. Caritas ku rwego rwa Diyosezi :

1. Guha igihe gihagije Inama y'Inteko Rusange kuburyo bibaye ngombwa yamara iminsi ibiri kugirango abafite ibikorwa bidasanzwe nabo babone umwanya wo kubisangiza abandi,
2. Gushyigikira ubufatanye bw'abagize Akanama k'Ubuzima (COSA), Abayobozi b'amavuliro n'Umuhuzabikorwa w'Ishami ry'Ubuzima mu gukurikirana no gucunga Amavuliro ya Diyosezi,
3. Gukora uko ishoboye amashami yayo yose by'umwihariko iry'iterambere n'iry'ubuzima, akegera komite zo kurwego rwa paruwasi mu rwego rwo kuzongerera ubushobozi,
4. Igenamigambi ry'igihe kirekire (Planification Stratégique) riri gutegurwa rigomba kuzibanda ku bikorwa bishoboka kandi bishingiye ku bushobozi bw'abazarigiramo uruhare bose,

DIOCESE DE NYUNDO
CARITAS NYUNDO/GISENYI
B.P. 85 GISENYI Tél.&Fax : +250 0788851184 E-mail : caritasnyundo2@yahoo.fr

5. Gushishikariza Paruwasi zose n'ibigo nderabuzima bya Diyosezi guhimbaza neza umunsi mpuzamahanga w'Abarwayi,

C. Caritas ku rwego rwa Paruwasi

1. Gutegura no gukora inama z'Inteko Rusange za Caritas,
2. Kumenya abafashijwe na Caritas no kubashishikariza umuco mwiza wa « Garuka ushime »,
3. Gushyigikira iyogezabutumwa rigenewe abagororwa, buri Paruwasi ikajya isura kandi igashakira abagororwa inkunga zinyuranye (imiti itishyurwa na MUSA, imyenda yo kwambara, …) ibyo bigakorwa nibura rimwe mu mwaka,
4. Kumenyekanisha ibikorwa by'amaboko n'inkunga z'ibintu bihabwa abatishoboye bikorerwa mu miryango-remezo, amashuri, amavuliro, ibigo by'abihayimana, paruwasi,…,
5. Gutegura no guhimbaza neza umunsi w'umukene uba ku cyumweru cya 33 gisanzwe nk'uko twabisabwe na Nyirubutungane Papa Francis.

Bikorewe ku Nyundo kuwa 25 Werurwe 2019

Mu izina ry'Inteko Rusange

Padiri MUKERAGABIRO Etienne
Umuyobozi wa Caritas Nyundo/Gisenyi